# IBISUBIZO BY'IKIZAMINI CYA LETA K'IKINYARWANDA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2022-2023

## IMBONERA Y'IKOSORA

### IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

l) Uturere tubiri (2) two mu Ntara y'Iburasirazuba tuvugwa muri uyu mwandiko ni **Nyagatare** na **Kayonza**.

2) Pariki y'Akagera:
(a) Ifite ubuso bungana na kilometero kare 1200.
(b) Yashinzwe mu 1934.
(c) Yashinzwe n'abakoroni.

3) Icyo izindi nyamaswa zo muri Pariki y'Akagera zikundira twig ani uko ziziburira iyo hari icyago kiri hafi, zaba zihunze n'izindi zikaboneraho zikiyanura.

4) Pariki bisobanura ahantu hadahingwa hameze ibyatsi n'ibiti, hari inyamaswa zinyuranye, hagenerwa ibikorwa by'ubukerarugendo.

5) Ibintu bitatu (3) by'umwihariko w'iyi Pariki y'Akagera. Iyi pariki niyo yonyine ushobora kubonamo icyarimwe imirambi n'utununga byamezeho ubwatsi n'ibiti bigufi, ibishanga, ibiyaga, n'igice cy'ishyamba ritoshye.

6) Ibimera biboneka muri iyi pariki: urufunzo, umukenke, imigenge, iminyinya n'iminyonza, imikoma, imyiha n'imikerenke n'ibindi.

7) Inyamaswa imwe kuri buri bwoko:
**Iz'amajanja:** intare, ingwe, urusamagwe, impyisi, umukara, imbwebwe, inkobe, urutoni.
**Izuza:** imbogo, inyemera, impara n'imparage, twiga, imvubu, inzovu, inkoronko
**Ibiguruka**: imisambi, kagoma, imona n'inkongoro, inyange n'ibigagari…

8) Pariki y'Akagera izanira u Rwanda amafaranga y'amahanga aturuka mu bukerarugendo akarufasha kwiteza imbere.

9) (a) Kagubari yahuye n'impyisi **mahuma** ayikubita inkoni.
(b) Muri Pariki y'Akagera dusangamo intare bita **rwabwiga** ikaba umwami w'ishyamba.
(c) Ingwe bayita **rwara** ikaba ihorana n'urusamagwe.
(d) Imbogo **rwarikamavubi** na yo tuyisanga muri Pariki y'Akagera.

10) (a) utununga → udusozi tugufi
(b) Gushyira bugeri → kwiruka uhunga
(c) Kujundika umujinya → kurakara
(d) amahumbezi → amafu

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO**

11) (a) **imyenda**: icyuzuzo
(b) **arakosora**: inshinga
(c) **Gatete**: ruhamwa

12) Ubwoko bw'amagambo atsindagiye:
(a) **aya**: ikinyazina nyereka
(b) **mu**: indangahantu
(c) **kare**: umugereka w'igihe

13) (a) i → y /-J : imyaka: i-mi-aka
(b) r → d/n- : induru: i-n-ruru
(c) n →m/-b : imbuto: i-n-buto

14) (a) Agatangaro (!): gasoza interuro itangara. Urugero: Mbega ukuntu yabaye!
(b) Akabago (.): gasoza interuro yemeza cyangwa ihagana. Urugero: Kwiga ni ngombwa mu buzima.

15) (a) Ntituraza vuba.
(b) Sindyama ntariye.
(c) Nimukora muzatera imbere.

16) (a) Abaturage bateye biriya biti mu muganda.
(b) Imbwa yapfuye barayihamba, ntibayijugunya mu mazi.
(c) Ibiti bigomba guterwa n'abana b'abahungu n'ab'abakobwa.

17) Kwerekana ibihe by'inshinga.
(a) Tuzakora ikizamini muri Nyakanga. **Inzagihe**
(b) Abanyeshuri biga ikinyarwanda muri munsi. **Indagihe**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI**

18) Umugani muremure utangizwa na "Kera habayeho" cyangwa "umunsi umwe", urangizwa na "si nge wahera", ukagira amakabyankuru, uba ufite isomo wigisha.

19) ISHURI, UMUCO, UMUGANDA, IBIRORI, INKA, UBUDEHE, URUKUNDO, INKINGI, ISAMBU, SUGIRA, RUKUNDO, UGANDA, UBUKWE, URURIMI, IBIRO, ISHU, UMUBU

20) (a) masenge → mushiki wa data

(b) marume → musaza wa mama

(c) munyara wange   data → umwana wa marume

(d) abisengeneza → abana ba musaza wange

21) Ica ibisakuzo bikurikira: **(amanota 5)**

(a) Hakurya mu gihuku! **Ikizu kitagira abantu**.

(b) Nagutera icyo utazi utabonye! **Ubuto bwa so na nyoko**.

(c) Ugiye mu rutoki abanza iki? **Ikivugirizo**.

(d) Mbe muganga aho wicariye nturuha akabuno? **Inkono ku ziko**.

(e) Nkubise urushyi rurumira! **Ibara ry'inka**.

22) Amata amaze kuvura bayita ikivuguto.
Abaganga iyo bamaze kuvura abarwayi bararuhuka.

23) Kuzuza imigani y'imigenurano ikurikira:

(a) Uwavuga **ay'inzuki ubuki** ntibwaribwa.

(b) Igiti kimwe **si isyamba**.

(c) Ntawujya **mu isyamba ngo** abure inkoni aca.

(d) **Ubuze ay'iburyo** akama ay'ibumoso.

(e) Ubwenge bw'umwe **burayobera**.

24) (a) Nuva **ku** ishuri **uge** kuhira za ngemwe **z'ibiti** twateye **ejobundi**.
(b) Naraye mbuye **imuhira nimugoroba**.

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO**

25) Kwandika inkuru yo mu kinyamakuru mu mwanya wagenwe.

**Ibizitabwaho mu gukosora:**

- Iyo nyandiko izaba yanditse mu mpushya ebyiri.
- Ireme ry'ibitekerezo n'inyurabwenge
- Imyandikire iboneye y'ikinyarwanda.
- Igomba kugira umutwe utuma abantu bitabira kuyisoma.
- Igika cyayo cya mbere kivuga muri make ibigiye kuvugwaho
- Iyo nyandiko igomba gusubiza ibibazo by'ingenzi bikurikira:
    - ➢ Ni nde uvugwa mu nkuru?
    - ➢ Ni iki cyabaye?
    - ➢ Hari ryari?
    - ➢ Hehe?
    - ➢ Byatewe n'iki?
    - ➢ Byagenze bite?
    - ➢ Bikorwa na ban de?
    - ➢ Bari bangahe?

**Ikitonderwa:** Ku makosa y'imyandikire, amakosa **2** ahanishwa **0.5**. Ukoze amakosa **8** abona ubusa kuri **2**.